**IJAMBO RYA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA, DR. FAUSTIN NTEZILYAYO, MU NAMA RUSANGE Y'URUGAGA RW'ABAVOKA**

***Kigali, ku wa 16 UKUBOZA 2022***

Bwana Perezida w'Urugaga rw'Abavoka

Abavoka bose mwitabiriye iyi Nama Rusange,

Nagira ngo ntagire nshimira Urugaga rw'Abavoka kuba mwantumiye kuganira namwe muri iyi Nama Rusange yanyu. Ubutumire bwanyu ni ikimenyetso cy'ubufatanye Urugaga rw'Abavoka n'Urwego rw'Ubucamanza bifitanye, kandi turifuza ko ubwo bufatanye bwakomeza gushinga imizi kuko ari byo bizatuma tugera ku ntego ikomeye yo gutanga ubutabera buboneye kandi bwihuse, kugira ngo twese tugire uruhare rufatika mu kubaka Igihugu kigendera ku mategeko kandi kiyubahiriza kuri bose.

Igihe Urugaga rwizihizaga imyaka 25 rumaze rushinzwe, mu kwezi k'Ukwakira k'uyu mwaka, wabaye umwanya mwiza ku Rugaga wo kugaragaza ibyo rwagezeho mu kurangiza inshingano zarwo. Birashimishije ko mu myaka 25 Urugaga rumaze rushinzwe, rwageze kuri byinshi, kandi nk'Urwego rw'Ubucamanza rukorana bya hafi n'Urugaga, tubona intambwe rwateye ari nziza. Icyo gihe wanabaye n'umwanya wo gufata ingamba zatuma Urugaga rukomeza gutera imbere no kuzuza inshingano zarwo nk'imwe mu nkingi ikomeye mu gutanga ubutabera buboneye kandi ku gihe. Icyo navuga kuri ibyo ni uko hari byinshi byo gukora no kwitaho mu rugendo rwo gutanga ubutabera Abanyarwanda banyotewe.

Nk'uko bihora byibutswa ku nzego ziri mu Runana rw'Ubutabera, Urugaga rw'Abavoka na rwo rurimo, ni ngombwa ko twese twumva ko tugomba gukora ibishoboka byose kugira ngo turangize neza inshingano zacu, kuko

ari byo bizatuma Abanyarwanda bakomeza kutugirira icyizere no kutugana batishisha ngo tubafashe kubungabunga uburenganzira bwabo.

Nka bamwe mu bantu b'abanyamwuga bafite uruhare rukomeye mu itangwa ry'ubutabera buboneye kandi bwihuse, ni ngombwa ko abavoka bitwararika iyo nshingano bagategura amadosiye neza kandi uko bikwiye bibanda ku gutegura imyanzuro ifite ubudakemwa, ifite ireme, igaragaza amategeko n'ibimenyetso bashingiraho. Ni ngombwa kandi kwitegura neza iburanisha, amasaha yateganyijwe akubahirizwa, kandi igihe cyo kuburana, abavoka bakamenya iby'igenzi bakeneye kubwira urukiko aho kujya mu byo gusoma ijambo ku rindi imyanzuro baba bashyize muri "*system"*.

Hari kandi imikorere itari myiza tubona aho abavoka bamwe bataza kunganira abakiliya babo bitwaje impamvu zidasobanutse, kubera ahanini gufata imanza zitandukanye mu nkiko zitandukanye ku minsi imwe kandi badashobora kubonekera hose rimwe (*pas de don d'ubiquité/No capacity of ubiquity*). Aha rero twakangurira abavoka kutaba impamvu ituma imanza zisubikwa hato na hato, kuko bidindiza imirimo y'inkiko, bityo na gahunda yo gutanga ubutabera buboneye kandi bwihuse ntishobore kugerwaho.

Ku byerekeye gahunda ya "*Pro Bono/legal aid*," turashimira Urugaga rw'Abavoka inkunga ikomeye abavoka batanga kugira ngo abantu batishoboye babone ubutabera. Byaba byiza ariko amadosiye yo kunganira abo bantu abavoka bayaha uburemere bumwe nk'ayandi, imitegurire yayo n'imiburanire ntibe uko bikwiye (*sub-standard*); ibi bikunda kuboneka ahanini mu manza z'abana.

Ikindi nagira ngo nsabe Urugaga rw'Abavoka n'abavoka ubwabo, ni ugufasha Urwego rw'Ubucamanza muri gahunda yo gukoresha ubuhuza

(*mediation*) haba ku manza ziba zaregewe inkiko, cyangwa na mbere y'uko abafitanye ibibazo babishyikiriza inkiko. Nk'uko nabivuze igihe cyo kwihiza imyaka 25 Urugaga rumaze rushinzwe, abavoka ntibakwiye gutinya kuyobora abakiliya babo mu nzira y'ubuhuza bakeka ko byababagabanyiriza amahirwe yo kubona igihembo kinini ku madosiye aburanwa, ahubwo nk'uko bigaragara no mu bindi bihugu, ubuhuza ubu ni uburyo bufite umwanya ukomeye mu gukemura ibibazo bimwe nk'iby'ubucuruzi n'imari, umuryango, n'ibindi.

Indi gahunda tugira ngo mukomeze kudufashamo n'iya "*plea bargaining/plaidoyer de culpabilité"* kuburana wemera icyaha. Iyi gahunda yatangiriye ku cyaha cy'ubujura n'icyaha cyo gukomeretsa, mu nkiko z'ibanze eshanu ari zo Gasabo, Gicumbi, Muhanga, Musanze na Nyarugenge. Iyi gahunda ntishobora kugenda neza abavoka batabigizemo uruhare kuko ari bo bagira inama ababuranyi babumvisha inyungu ziri mu kuyikurikira. Inkunga yanyu rero ni ingirakamaro.

Muri iyi si isigaye yarabaye nk'umudugudu, aho hari impunduka zidasanzwe kandi ziyongera, haba mu mibereho y'abantu, mu bukungu no mu ikoranabuhanga, twese dusabwa gukurikirana ihindagurika ry'ibintu kugira ngo twe gusigara inyuma. Ni muri urwo rwego gahunda yo guhora twihugura ari ingirakamaro. Ku byerekeranye n'imikorere y'abavoka, ibi binasaba gukorera hamwe no gushaka "*specialisations"* zitandukanye kuko bifasha kurushaho kunoza imikorere no gukora akazi gafite ubudakemwa.

Sinakwibagirwa kandi gukangurira abavoka umuco wo gushingira kuri "*precedent"* imirongo iba yaratanzwe n'inkiko cyane cyane Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko rw'Ubujurire. Iyo mirongo twatangiye kujya tuyitangaza buri kwezi (CoA) na buri gihembwe (SC) kugira ngo irusheho kumenyekana.

Ibi bizatuma ibibazo byahawe umurongo bitagarurwa mu nkiko, bizanwa kenshi nk'inzitizi, ariko mu by'ukuri zidafite ishingiro. Aha twavuga ko igihe cyose umuntu ateneranywa n'umurongo watanzwe, aho kuzana inzitizi zidashobora kwakirwa, ahubwo akwiye kuregera Urukiko rw'Ikirenga asaba ko umurongo wafashwe n'inkiko wahindurwa mu nyungu z'itegeko.

Nk'inzego zihuriye mu Runana rw'Ubutabera, ni ngombwa ko dukomeza ubufatanye tugakora kinyamwuga ngo turangize neza inshingano zacu. Ku Rugaga rw'Abavoka, icyo rwitezweho ni uko rwakurikirana neza uko abavoka bimakaza amahame y'ingenzi agenga umwuga wanyu, hashyirwa mu bikorwa ibiteganyijwe n'ingingo ya 51 y'Itegeko rishyiraho Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda yerekeye imyitwarire y'umwavoka mu rwego rw'akazi. Bimwe mu byo iyo ngingo iteganya ni uko umwavoka mu kazi afite inshingano yo kwiyubaha, kugira ikinyabupfura, kugira ubishishozi, kuvugisha ukuri no kurengera inyungu z'abamugana. Ku nshingano yo kuvugisha ukuri, ni ngombwa ko avoka nk'uwunganira urukiko, arufasha gutahura ukuri ku kiburanwa. Umwavoka kandi asabwa kugira imwitwarire ndakemwa haba imbere y'urukiko cyangwa no hanze yarwo, mu buzima busanzwe.

Mu bufatanye kuranga imikoranire yacu, nagira ngo nsabe Urugaga rw'Abavoka n'abavoka muri rusange, gufatanya n'Urwego rw'Ubucamanza mu gusangira amakuru no kugaragaza imyitwarire itari myiza yaba igaragara ku bacamanza n'abandi bakozi b'inkiko, cyangwa indi mikorere mibi yaba igaragara mu nkiko, hagamijwe kunoza serivisi zitangwa no kurwanya ruswa muri rusange. Ni na ngombwa ko abavoka ubwabo bataba intandaro cyangwa icyanzu cy'iyo mikorere mibi na ruswa. Kuri iyi ngingo, Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko buzakomeza gufatanya n'Urugaga rw'Abavoka muri

gahunda yo kurwanya ruswa mu nkiko no ku bakorana hafi na zo ari bo abavoka. Ndabahamagarira rero kudufasha gutuma inzego z'ubutabera turimo, ziba ku isonga muri gahunda y'Igihugu cyacu yo kurwanya ruswa kuko ibangamira amahoro, umutekano n'iterambere.

Nk'uko nabivuze ngitangira, inshingano inzego zacu zishinzwe yo gukemura amakimbirane hagamije gutanga ubutabera buboneye kandi bwihuse usaba ko igihe cyose twitwararika ko abo dukorera ari abatugana, kandi ko iteka tugomba gutuma bakomeza gutugirira icyizere. Duhamye rero intego yo kwimakaza ubunyamwuga, ubudakemwa, ubunyangamugayo, ubwitange, ubushishozi no guharanira iteka ukuri (*aiming to doing the right thing, to uphold the truth, to never compromise the truth*). Ibyo ni byo bizatuma koko tugira uruhare rufatika mu gutanga ubutabera abaturarwanda banyotewe, nk'ipfundo ry'amahoro, umutekano n'iterambere rirambye.

Nongeye kubashimira ubutumire bwanyu.

Mugire amahoro.

=====